**Project 2**

# UMUSHINGA WO GUKWIRAKWIZA AMAZI MEZA MU MIRENGE YA CYANIKA NA RUGARAMA

**Tel de contact**

**03650236**
**08522116**
**08540315**
**03194133**

Support for the Community-Based Natural Resource Management (CBNRM) Plan Kinigi Area, Rwanda project development plan: UMUSHINGA WO GUKWIRAKWIZA AMAZI MEZA MU MIRENGE YA CYANIKA NA RUGARAMA was provided by the:

CENTRAL AFRICAN REGIONAL PROGRAM FOR THE ENVIRONMENT (CARPE/USAID), VIRUNGA FOCAL AREA, DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO AND RWANDA: a WWF led Consortium, including WCS, SNV and AWF, made possible with the generous support of the American People.

**Izina ry'umushinga:** Umushinga wo gukwirakwiza amazi meza mu mirenge ya Cyanika na Rugarama

**Umwirondoro wa nyir'umushinga**

Ubudehe bw'umurenge wa Cyanika na Rugarama

**Akarere umushinga uzakoreramo**

Imirenge ya Cyanika na Rugarama ibarizwa mu Karere ka Burera, Intara y'Amajyaruguru, ikaba inaturiye pariki y'ibirunga.

Cyanika : utugari 6, imidugudu 52, abaturage 34 387
Rugarama : utugari 4, imidigidu 34, abaturage 21 395

Indi mishinga uhari : UNICEF, MOUCECORE, MUTOBO BASSE

<u>Amateka y'Akarere</u>

Kuva kera imirenge ya Cyanika na Rugarama yaranzwe no kutagira amazi meza. Abaturage bakora urugendo rw'ibirometero bigera kuri 18 bavoma amazi y'ibirohwa mu biyaga bya Burera na Ruhondo.

<u>Ibikorwa remezo bihaboneka</u>

Umuhanda wa kaburimbo
Amasoko ya Rugarama na Nyagahinga
Centre 6 z'ubucuruzi zikomeye
Amavuriro 2

**Isobanurampamvu y'umushinga**

Uyu mushinga wahiswemo kubera ibibazo byagaragaye mu karere :

- Kwangiza pariki y'ibirunga bwitwaje gushaka amazi
- Indwara ziterwa n'ibura ry'amazi : inzoka zo mu nda, amibe, amacinya, kolera, n'izindi ziterwa n'umwanda.
- Gukora urugendo rurerure bajya gushaka amazi: ibirometero 18 kugenda no kugaruka.

<u>Ingaruka ziterwa n'ibibazo</u>

- Impfu z'abana ziterwa n'impiswi
- Ababyeyi bahora kwa muganga bajya kuvuza bigatuma badakora imirimo yo kwiteza imbere
- Umubare w'abaturage barwaye amibe ugenda urushaho kwiyongera, bikadindiza iterambere rusange ry'akarere
- Abana batiga neza kubera gukora urugendo rurerure bajya kuvoma
- Abaturage bata imirimo ibateza imbere bakiririwa bagiye gushaka amazi

- Impanuka mu mihanda no mu mazi (ibiyaga) z'abajya kuvoma mu biyaga bya Burera na Ruhondo.

Impamvu umushinga wahiswemo

Tumaze kubona ibibazo by'indwara ziterwa n'amazi mabi n'urugendo rurerure byakuruye ubukene mu baturage, kwangiza pariki bitwaje gushaka amazi, dusuzumye uburyo imishinga ya Mutobo basse n'iya ruguru, MOUCECORE yubatse ibigega bifata amazi y'imvura ariko ikibazo cy'amazi meza ntigikemurwe kubera umubare w'abaturage batuye akarere ari benshi.

Twasanze uyu mushinga ari ngombwa kubera ko uzageza ku baturage 15% badafite amazi meza batuye mu tugari dukoze kuri pariki y'ibirunga hifashishijwe umuyoboro w'amazi mushya washamikira kuri Mutobo ya ruguru no kubaka ibigega bifata amazi y'imvura mu midugudu itazashobora kugerwaho n'uriya muyoboro mu baturage bagera kuri 5%.

Mu mishinga yari isanzwe nka UNICEF , MOUCECORE, MUTOBO BASSE yagize icyo ikora, ariko kubera ubwinshi bw'abaturage batuye iyo mirenge ya Cyanika na Rugarama amazi yabaye make:

- Abaturage babonye amazi ya UNICEF bangana na 20% by'abaturage batuye iyo mirenge $\frac{(34\ 387 + 21\ 395) \times 20}{100} = 11\ 156$
- Abaturage babonye amazi ya MOUCECORE bangana na 1% by'abaturage batuye iyo mirenge $\frac{(34\ 387 + 21\ 395) \times 1}{100} = 558$
- Abaturage babonye amazi ya Mutobo basse bangana na 4% by'abaturage batuye iyo mirenge $\frac{(34\ 387 + 21\ 395) \times 4}{100} = 2\ 231$

**Intego z'umushinga**

Intego rusange: Kuzamura imibereho myiza y'abaturage ba Cyanika na Rugarama babona amazi meza.

Intego zihariye

- Kugeza amazi meza akomoka kuri Mutobo ya ruguru ku baturage 15% batuye mu midugudu ya Nyagisenyi, Bisura, Gakore, Karisimbi, Bahimba, Kaziguro, Gashunguro, Mbonabose, Kanyabaranzi, Musave, Kabira, Gasiza na Ryabiteyi.
- Kubaka ibigega bifata amazi y'imvura bigafasha abaturage 5% batuye mu midugudu ya Karisimbi, Bahimba, Gashunguru (igice cya ruguru), Kaziguro (igice cya ruguru), Mugarama, Mugeshi, Kabero, Bisura na Gakenke.
- Gufata neza amavomo n'isuku yayo

**Abagenerwabikorwa**

Abagenerwabikorwa b'ako kanya ni abaturage batuye imirenge ya cyanika na Rugarama bangana n'ibihumbi cumi na kimwe n'ijana na mirongo itanu na batandatu (11 156): abagabo 5 128, abagore 6 028

- Abahinzi bakenera amazi yo guteresha umuti w'ibirayi
- Abenzi b'ibigage
- Aborozi b'inka n'amatungo magufi
- Ibigo by'amashuri abanza
- Inzu z'ubuyobozi (utugari n'imidugudu)
- Insengero na Kiliziya
- Abacuruza amazi kuri kiosque z'amazi

Abagenerwabikorwa ba nyuma ni:

- Abaturage bose muri rusange
- Abaturanyi b'igihugu cya Uganda

**Ingamba/Ikoranabuhanga**

Gukwirakwiza amazi ya Mutobo ya ruguru

***Uko bizakorwa***

Hazakorwa umuyoboro wa 2 ushamikiye ku wa mbere uturutse kuri centre ya Kanyirarebe.

Kuri iyo centre ya Kanyirarebe hazubakwa ikigega kinini kizajya kibika amazi azagaburira umuyoboro kugeza kuri centre ya Rohero ahazubakwa ikindi kigega kizajya kigaburira igice cy'umuyoboro gisigaye (Rohero –Ryabiteye).

Nyuma yo kubaka ibigega bibika amazi, hazacukurwa umuyoboro hifashishijwe abatekinisiye n'abaturage mu gikorwa cy'ubudehe. Uwo muyoboro uzakurikira umuhanda waharuwe n'abaturage uva Kanyirarebe-Ryabiteyi.

Kubaka ibigega bifata amazi y'imvura

***Uko bizakorwa***

Abaturage bazakoresha amazi y'imvura bangana na 5% : $\frac{34\ 387\ \ x\ 5}{100}$ = 1 719

Abaturage 1719 bagizwe n'imiryango 286. Ikigega 1 kizajya kivomwaho n'imiryango 5 (buri muryango ugizwe n'abantu 6).
Hazubakwa ibigega byose hamwe 55.

Imicungire y'amazi

- Gushyiraho komite z'amavomo n'isuku. Ku mavomo mirongo itatu azubakwa, buri kagari kazanyurwamo n'umuyoboro, kazagira komite
- Hazatorwa komite 5, buri komite irimo abantu 5.
- Ku bigega 55 bizubakwa, buri kagari karimo ibyo bigega kazagira komite icunga ibigega by'amazi y'imvura.
- Izo komite zose zizaba zishinzwe kandi n'ibijyanye n'isuku y'amavomo n'ibigega. Raporo zigatangwa ku kagari.
- Abagize izo komite bagomba guhugurirwa ibyo bazakora.
- Mu rwego rwo kwinjiza umutungo ukomoka ku mavomo, hazashyirwaho amapiganwa ya ba rwiyemezamirimo.

**IMBONERAHAMWE Y'IBIKORWA**

**INTEGO YIHARIYE 1: GUKWIRAKWIZA AMAZI MEZA YA MUTOBO YA RUGURU**

| **Ibikorwa** | **Ibipimo** | **Igenura** | **Inzitizi** |
|---|---|---|---|
| Gucukura umuyoboro | Umuyoboro 1 = Km 15<br>Amezi 6 | Raporo z'abakuru b'imidugudu | Kumena amakoro |
| Kubaka ibigega | Ibigega 2 bibika<br>amezi 2 | Raporo z'ubuyobozi bw'akagari | Imihanda mibi |
| Gutaba amatiyo | Amatiyo 2500<br>Amezi 3 | Raporo z'abakuru b'imidugudu | - |
| Kubaka amavomo | Amavomo 30<br>ukwezi 1 | Raporo z'abakuru b'imidugudu | - |

**INTEGO YIHARIYE 2 : KUBAKA IBIGEGA BIFATA AMAZI Y'IMVURA**

| **Ibikorwa** | **Ibipimo** | **Igenura** | **Inzitizi** |
|---|---|---|---|
| Gutunda amabuye n'umucanga | Amasiteri 1650 y'amabuye<br>Amakamyo 275 y'umucanga<br>Ukwezi 1 | Raporo y'ubuyobozi bw'Akagari | Imihanda mibi |
| Kuzamura ibigega | 55 (1 = $m^3$ 25)<br>amezi 3 | Raporo y'ubuyobozi bw'Akagari | - |
| Gusakara | Ibigega 55 amabati 1100<br>Ukwezi 1 | Raporo y'ubuyobozi bw'Akagari | - |


**INTEGO YIHARIYE 3 : GUFATA NEZA AMAVOMO –IBIGEGA**

| **Ibikorwa** | **Ibipimo** | **Igenura** | **Inzitizi** |
|---|---|---|---|
| Gutora komite z'amavomo, n'ibigega | Komite 5 z'amavomo<br>Komite 3 z'ibigega<br>(ukwezi 1) | Raporo z'ubuyobozi bw'utugari | - |
| Gushyiraho komite ncungamutungo | Komite 5 z'amavomo<br>Komite 3 z'ibigega<br>Buri myaka 2 | Raporo z'ubuyobozi bw'utugari | - |
| Gushyira gahunda y'isuku n'isukura (ipiganwa na ba rwiyemezamirimo) | Ba rwiyemezamirimo 2, mu mwaka 1 | Raporo ya komite zicunga amazi | Kwica amasezerano |
| Gukusanya umusanzu | Ijerikani 1 = 10F<br>kureba m3 zagurishijwe | Raporo ya komite y'amavomo | Kunyonga compteur y'amazi<br>Kurigisa umutungo (Frw) |
| Gusukura ibigega | 1 mu kwezi | Raporo ya komite y'ibigega bifata amazi y'imvura | Ibura ry'imiti ishyirwa mu mazi |

## GAHUNDA Y'IKURIKIRANWA N'ISUZUMA RY'UMUSHINGA

| Igikorwa | Amakuru akenewe | Igihe | Ubishinzwe | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | **Gukusanya** | **Gusesengura** | **Guhuza** |
| **Intego 1**<br>1. Gucukura umuyoboro<br><br>2. kubaka ibigega bibika amazi<br>3. Gutaba amatiyo<br><br>4. kubaka amavomo | • Kumenya imiterere y'aho umuyoboro uzanyura<br>• Kumenya umubare w'ibikenewe (ibikoresho)<br>• Umubare w'amatiyo yatabwe<br>• Kumenya ibikoresho byakoreshejwe | Ibyumweru 2<br><br>Buri munsi<br><br>Buri munsi<br><br>Buri munsi | Umutekinisiye<br><br>Abakuru b'imidugudu + komite z'ubudehe<br>Abakuru b'imidugudu + komite z'ubudehe<br>Abakuru b'imidugudu + komite z'ubudehe | Akagari<br><br>Akagari<br><br>Akagari<br><br>Akagari | Imirenge Cyanika na Rugarama<br>Imirenge Cyanika na Rugarama<br>Imirenge Cyanika na Rugarama<br>Imirenge Cyanika na Rugarama |
| **Intego 2**<br>1. Gutunda amabuye n'umucanga<br>2. Kuzamura ibigega<br><br><br>3. Gusakara | • kumenya ahari amabuye n'umucanga<br>• kumenya ibiciro by'ibikoresho bikenewe (isima, fer à béton)<br>• kumenya ubwoko bw'amabati azaramba<br>• kumenya ahazava ibiti byo guhanika | Icyumweru 1<br><br>Buri munsi<br><br><br>Ukwezi 1 (mbere) | Umutekinisiye w'ubwubatsi<br>Umutekinisiye<br><br><br>Umutekinisiye + komite y'ubudehe | Akagari<br><br>Akagari<br><br><br>Akagari | Imirenge ya Cyanika na Rugarama<br>Imirenge<br><br><br>Imirenge |
| **Intego 3**<br>1. Gutora komite z'amavomo<br>2. Gushyiraho komite zicunga amazi<br>3. Gushyiraho gahunda y'isuku n'isukura, ipiganwa na ba rwiyemezamirimo<br>4. Gusuzuma ikusanwya ry'umusanzu<br>5. Gusyira umuti mu bigega by'amazi y'imvura | • Ubunyangamugayo bw'abazatorwa<br>• Kumenya inzobere mu micungire y'amazi<br>• Kumenya ba rwiyemezamirimo bafite uburambe<br><br>• Kumenya ibiciro by'amazi bidahinduka<br>• Kumenya ahazagurirwa imiti, ibiciro n'ubuziranenge bwayo | Buri munsi<br><br>Ukwezi 1 (mbere)<br>Ukwezi 1 (mbere)<br><br><br>Buri munsi<br><br>Buri munsi | Komite y'ubudehe<br><br>Komite y'mavomo<br><br>Komite y'amavomo n'isuku<br><br><br>Komite zicunga amazi<br>Komite y'ibigega by'amazi y'imvura | Akagari<br><br>Akagari<br><br>Akagari<br><br><br>Akagari<br><br>Akagari | Imirenge<br><br>Imirenge<br><br>Imirenge<br><br><br>Umurenge<br><br>umurenge |

**URUHEREREKANE RWA RAPORO**




**AKAMARO K'UMUSHINGA**

**1. Ku bukungu**

- Kwiyongera k'umutungo mu miryango : abaturage batagaga igihe bashaka amazi, icyo gihe bazagikoresha mu bikorwa byo kwiteza imbere
- Amafaranga abaturage batangaga bagura amazi ku giciro gihenze (ijerikani = 100 Frw) bazayakoresha mu bindi bikorwa by'iterambere
- Umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi uziyongera : imyaka izavomerwa, amatungo yuhirwe kenshi mu munsi
- Abaturage bazabona amafaranga akomoka ku bwubatsi n'imicungire y'umuyoboro n'ibigega

**2. Ku mibereho myiza y'abaturage**

- Indwara ziterwa n'ibura ry'amazi zizagabanuka
- Isuku iziyongera
- Abana bataga igihe bajya kuvoma baziga neza kandi bigire ahasukuye

**3. Ku bidukikije**

Ubusugire bw'inyamaswa n'ibimera byo muri pariki y'ibirunga
Amazi y'ibiyaga aziyongera n'umutungo kamere wabyo (amafi) utekane

**4. Ku bwuzuzanye n'uburinganire bw'abagabo n'abagore**

Umutekano mu ngo cyane umugore
Umugore aziteza imbere mu yindi mirimo
Abagore bazitabwaho mu micungire y'amavomo

**UBURAMBE BW'UMUSHINGA**

**1. Tekiniki : ibikorwa n'ikoranabuhanga**

Nyuma y'umushinga hazashyirwaho umukozi uhoraho (umutekinisiye) ukurikirana gusana ibyangiritse mu muyoboro n'ibigega.

**2. Imari n'umutungo**

- Nyuma y'umushinga umuyoboro uzahabwa ba rwiyemezamirimo : abavomyi bazatanga amafaranga, 30% by'amafaranga azaba ay'ubudehe; 20% muri ELECTROGAZ, 50% azaba aya rwiyemezamirimo.
- Kuzigama kuri konti z'ubudehe

**3. Imiyoborere n'uruhare rw'inzego n'abaturage**

- Nyuma y'umushinga hazanozwa imikorere ya za komite z'amavomo n'ibigega.
- Nyuma y'umushinga komite z'ubudehe zizakontorora ko komite z'amavomo zikora neza.
- Nyuma y'umushinga abanyamabanga nshigwabikorwa b'utugari mu nshingano zabo haziyongeraho gukurikirana ibikorwa by'ayo mazi.

## INGENGO Y'IMARI Y'UMUSHINGA

### *INGENGO Y'IMARI Y'IBIKORWA*

**Intego ya 1 : Gukwirakwiza amazi meza ya Mutobo**

| Igikorwa | Ibikenewe | Ingano | Ikiguzi cya 1 | Ikiguzi cya byose |
|---|---|---|---|---|
| 1. Gucukura umuyoboro | • Amasuka<br>• Ibitiyo<br>• Amapiki<br>• Imitarimba<br>• Ingorofani<br>• Inyundo<br>• Komporoseri+ mazutu<br>• Dekametero | 50<br>20<br>10<br>10<br>10<br>10<br>1<br>1 | 1500<br>1500<br>4000<br>5000<br>15000<br>5000<br>20 000 000<br>4000 | 75 000<br>30 000<br>40 000<br>50 000<br>150 000<br>50 000<br>20 000 000<br>4 000 |
| 2. Kubaka ibigega | • Ibibanza<br>• Amabuye (camion)<br>• Ciment (sac)<br>• Fer à béton<br>• Gravier + déplacement (camion)<br>• Umucanga +déplacement (camion)<br>• Amatiyo | 2<br>10<br>120<br>16.5<br>2<br>10<br>6 | 300 000<br>35 000<br>13 000<br>12 000<br>50 000<br>25 000<br>2 000 | 600 000<br>350 000<br>1 560 000<br>200 000<br>100 000<br>250 000<br>12 000 |
| 3. Gutaba amatiyo | • Amatiyo + déplacement (camion | 2 500 | 12 000<br>4 000 | 30 000 000<br>1 000 000 |
| 4. kubaka amavomo | • Amatafari (camion)<br>• Robinet<br>• Ciment (sac) | 2<br>60<br>60 | 105 000<br>5 000<br>13 000 | 210 000<br>300 000<br>780 000 |
| | **IGITERANYO** | | | **55 761 000** |

**Intego ya 2 : Kubaka ibigega bifata amazi y'imvura**

| Igikorwa | Ibikenewe | Ingano | Ikiguzi cya 1 | Ikiguzi cya byose |
|---|---|---|---|---|
| 1. gutunda amabuye n'umucanga | • Imodoka (camion)<br>• Imodoka (camion) | 30<br>275 | 20 000<br>30 000 | 600 000<br>82 500 |
| 2. kuzamura ibigega | • Ciment (sac)<br>• Fer à béton<br>• Robinet | 1650<br>16.5<br>55 | 13 000<br>12 000<br>5 000 | 21 145 000<br>1 980 000<br>27 500 |
| 3. gusakara | • Amabati<br>• Ibiti<br>• Imisumari (kg) | 1100<br>1100<br>220 | 7 500<br>1 200<br>1 500 | 8 250 000<br>1 320 000<br>330 000 |
| | **IGITERANYO** | | | **121 921 000** |

**Intego ya 3: Gufata neza amavomo**

| Igikorwa | Ibikenewe | Ingano | Ikiguzi cya 1 | Ikiguzi cya byose |
|---|---|---|---|---|
| 1. Gutora komite z'amavomo n'ibigega | • Amahugurwa<br>• Ku mavomo<br>  • Abahugurwa<br>• Ku bigega<br>  • Abahugurwa<br>• uhugura | 20/6j<br>12/6j<br>1/12j | 3 000/j<br>3 000/j<br>10 000/j | 360000<br>216000<br>120000 |
| 2. Gushyiraho komite ncungamutungo | • Amahugurwa | 20/6j | 3 000/j | 360000 |
| 3. Gushyiraho gahunda n'isuku n'isukura | • Igitabo cy'ipiganwa | 4 | 40 000 | 160000 |
| 4. Gusukura ibigega by'amazi y'imvura | • Imiti ishyirwa mu mazi | 20 silo | 250 | 5000 |
| | **IGITERANYO** | | | **1 221 000** |

**IMISHAHARA, INGENDO N'IBIKORESHO**

| N° | Icyo ari cyo | Ingano | Ikiguzi cya 1 | Ikiguzi cya byose |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Uzakora inyigo | 1 | 1 000 000 | 1 000 000 |
| 2. | Abazacukura umuyoboro | 50 | (amezi 6) 180 000 | 9 000 000 |
| 3. | Umutekinisiye uzubaka ibigega | 2 | 1 000 000 | 2 000 000 |
| 4. | Gutaba amatiyo | 50 | ( amezi 3) 90 000 | 4 500 000 |
| 5. | Kubaka amavomo | 30 | 12 000 | 360 000 |
| 6. | Uzazamura ibigega | 55 | 200 000 | 11 000 000 |
| 7. | Ingendo z'uzagura ibikoresho | 3 | 300 000 | 900 000 |
| 8. | Gusakara (abakozi) | 2 | (ikigega) 8 000 | 440 000 |
| 9. | Amakayi<br>amakaramu | 84<br>84 | | 16 800<br>84 000 |
| 10. | Abakozi bazakoresha komporoseri | 2 | | 1 440 000 |
| | **IGITERANYO** | | | **30 665 200** |

**IGITERANYO CY'INGENGO Y'IMARI**

| Icyo ari cyo | Umubare |
|---|---|
| Ibikorwa | 121 946 200 |
| Umushahara | 31 861 000 |
| **IGITERANYO** | **153 807 200** |

| Icyo ari cyo | Umubare |
|---|---|
| Umwaka 1 | 153 807 200 |
| Umwaka 2 | |
| Umwaka 3 | |
| **IGITERANYO** | |

**AHO INGENGO Y'IMARI IZATURUKA**

| | |
|---|---|
| Abaturage | 8 850 000 |
| Inkunga | 144 957 200 |
| **IGITERANYO** | **153 807 200** |

**INGENGABIHE Y'IBIKORWA**

**INTEGO YA 1 : GUKWIRAKWIZA AMAZI MEZA YA MUTOBO YA RUGURU**

| **Igikorwa (ukwezi** | **Umwaka wa 1** | | | | | | | | | | | | **Umwaka wa 2** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 | 11 | 12 | |
| • Gucukura umuyoboro | x | x | x | x | x | x | | | | | | | |
| • Kubaka ibigega bibika amazi | x | x | x | | | | | | | | | | |
| • Gutaba amatiyo | | | | | | | x | x | x | | | | |
| • Kubaka amavomo | | | | | | | | | | x | | | |
| **INTEGO 2 : KUBAKA IBIGEBA BIFATA AMZI Y'IMVURA** | | | | | | | | | | | | | |
| • Gutunda amabuye n'umucanga | x | | | | | | | | | | | | |
| • Kuzamura ibigega | | x | x | x | | | | | | | | | |
| • Gusakara | | | | | x | | | | | | | | |
| • Gutora komite z'amavomo n'ibigega | | | | | | | | | | | | x | |
| • Gutora komite ncungamutungo | | | | | | | | | | | | | x |
| • Gushyiraho gahunda y'isuku n'isukura (ipiganwa rya rwiyemezamirimo) | | | | | | | | | | | | | x |
| • Gusukura ibigega by'amazi y'imvura | | | | | | | | x | | | | x | x |

**UMWANZURO**

Uyu mushinga wo kwirakwiza mazi meza no kubaka ibigeba bifata amazi y'imvura uziye igihe cyane cyane ko ugiye gukemura ibibazo byinshi mu bukungu, mu mibereho myiza y'abaturage no kurengera ibidukikije.
Akaba ari umushinga uteguye neza kandi urahendutse, urashoboka kandi ukaba uzatera ingaruka nziza.